

REPUBULIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA

ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'itatu, ukwezi kwa mbere umunsi wa cumi;

Twebwe MUKARUZIGA Annonciatha, Perezida w'urukiko rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na HABINEZA Jean de Dieu, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Ngoma bwaregeye Urukiko uwitwa IRAKOZE Elyse mwene TURATSINZE na KASINE VELENA, yavutse 01/01/1995, ubarizwa mu Rwanda, intara yi Burasirazuba, akarere ka Ngoma, umurenge wa Rurenge, akagari ka Rujambara, umudugud w' Akarambaraye, ni igaragu;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ubushinjacyaha bwaregeye urukiko ikirego N° RP 00226/2021/TGI/NGOMA bukurikiranyeho IRAKOZE Elyse icyaha cyo gusambanya umwana, ingingo ya 4 y'itegeko N° 69/2019 ryo ku wa 08/11/2019 Itegeko rihindura Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange.

Tumaze kubona ko IRAKOZE Elyse yaratorotse ubutabera mbere y'uko dosiye ye iregerwa urukiko nk'uko bigaragazwa na raporo yakozwe n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze yemeje ko uregwa IRAKOZE Elyse yatorotse, Ubushinjacyaha bwamukoreye dosiye bumurega nkw'uwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'ya 161 z'itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/9/2019 ryerekeye imburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ziteganya uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse ko IRAKOZE Elyse kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma mu gihe cy'ukwezi kumwe (1), akazitaba ku wa 13/02/2023 saa tatu za mu gitondo kugira ngo aburane urwo rubanza aregwamo n'Ubushinjacyaha, atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko;

Dutegetse ko ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko rwagifashe kandi kikanatangazwa kuri website y'Urukiko rw'Ikirenga ariyo www.judiciary.gov.rw.

NI UKU ICYEMEZO GIFASHWE KANDI GISOMEWE MU RUHAME NONE KUWA 10/01/2023.

UMUCAMANZA:

MUKARUZIGA Annonciatha

UMWANDITSI:

HABINEZA Jean de Dieu

